Caritas RWANDA

# CARITAS CONTACT / IHURIRO RYA CARITAS

## Akanyamakuru ka Caritas Rwanda - 2025









# *Imyaka 66 mu iterambere ry'abaturarwanda*


Nyarugenge,
Immeuble Librairie Caritas
KN76 St 3
P.O Box: 124 Kigali - Rwanda

+250252574344
+250252574295

info@caritasrwanda.org
www.caritasrwanda.org

@CaritasRwanda
Caritas Rwanda
Caritas Rwanda

# Ishakiro


Ijambo ry'Ibanze ....................................................................................4
Amavu n'amavuko ya Caritas Rwanda ......................................................5
Abaperezida b'inama y'Ubutegetsi ya Caritas Rwanda ...............................6
Abanyamabanga Bakuru ba Caritas Rwanda ................................................7
Umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wa 2025 ..............................8
Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe 2025 mu maparuwasi.............................9
Amashami ya Caritas Rwanda n'ibikorwa byayo ........................................14
Ishami ryita ku Batishoboye......................................................................14
Ibyagezweho mu Ishami ryita ku Batishoboye ......................................... 15
*Abakuze bafashijwe gusoma no kwandika na Caritas bishimira ko bajijutse* ..................................................................................................17
*Jean Paul na Alphonsine batuye heza nyuma yo kubakirwa inzu* ..............18
Ishami ry'Ubuzima.....................................................................................19
Ibyagezweho mu Ishami ry'Ubuzima .........................................................21
Abana 197 bo muri Rulindo bari bafite imirire mibi bitaweho mu minsi 12, ubuzima bwabo buba bwiza.....................................................................23
Ishami ry'Iterambere ..................................................................................24
Ibyagezweho mu Ishami ry'Iterambere ....................................................25
*Yahoze ahingira abandi, none acuruza umusaruro w'abo yahingiraga* ......26
Ishami ry'Ubutegetsi n'Imari......................................................................27
Aho umutungo Caritas Rwanda ikoresha uturuka ......................................28
Abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda .....................................................29
Gushimira ..................................................................................................30
Komite ishinzwe ubwanditsi ......................................................................31

# Ijambo ry'ibanze



Myr Anaclet Mwumvaneza, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Caritas Rwanda.

Mu gihe twizihiza Yubile y'impurirane y'imyaka 2025 y'ugucungurwa kwa bene muntu, n'iy'imyaka 125 Inkuru Nziza imaze igeze mu Rwanda, tunejejwe n'imyaka 66 Caritas Rwanda imaze ikora ibikorwa byo kwita ku batishoboye, inatanga umusanzu mu iterambere ry'Abanyarwanda.

Kuva yashingwa mu 1959, Caritas Rwanda yagize uruhare runini mu iterambere ry'imibereho n'ubukungu by'igihugu cyacu, yita cyane cyane ku bakene, abarwayi, abageze mu za bukuru, abafite ubumuga, impunzi n'abimukira, n'abandi, ari nako ifatanya na Leta mu kubaka umuryango utekanye. Caritas Rwanda kandi yakoze ibikorwa birebana no guteza imbere ubuzima, uburezi, n'iterambere ryuzuye rya muntu.

Mu mpapuro nke, aka gatabo karagaragaza urugendo rw'imyaka 66: harimo amavu n'amavuko ya Caritas Rwanda, ibikorwa yakoze n'umusaruro wavuyemo. Karagaragaza ubuhamya bw'ubutumwa bwa Kiliziya bushingiye ku Ivanjiri, ari bwo kugaragaza urukundo rw'Imana mu buryo bufatika binyuze mu bikorwa by'impuhwe n'urukundo.

Turashimira byimazeyo abantu bose, bashyigikiye ubutumwa bwa Caritas Rwanda, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye: barimo Guverinoma y'u Rwanda, Caritas za diyosezi, paruwasi kugeza mu miryangoremezo, imiryango y'abiyeguriye Imana, abafatanyabikorwa batandukanye, abayobozi ku rwego rw'Igihugu n'abo mu nzego z'ibanze, ndetse n'abakorerabushake n'abafatanyabikorwa kamara (bakunze kwitwa abagenerwabikorwa).

Aka gatabo katwereka ibyakozwe mu gihe cyatambutse, kakanadutera imbaraga zo gukomeza ubutumwa bwo gukora ibikorwa by'urukundo no kwita ku badukeneye bose, kugira ngo Ivanjiri ya Yezu Kristu ikomeze ijye mu bikorwa mu butumwa bwa Kiliziya bwo kwita ku batishoboye.

Imana ibahe umugisha hamwe n'abagize umuryango mugari wa Caritas, kandi idushoboze guhora turi ibikoresho by'impuhwe n'urukundo byayo.

**Myr Anaclet Mwumvaneza**

# Amavu n'amavuko ya Caritas Rwanda



***Abepiskopi bari kumwe n'intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Arnaldo Catalan, ku cyicaro cyabo.***

Caritas Rwanda yatangijwe n'Abepiskopi Gatolika bariho icyo gihe mu Rwanda, uwa Kabgayi n'uwa Nyundo, mu 1959. Bayihaye izina rya Secours Catholique Rwandais, ryaje guhinduka Caritas Rwanda mu 1963.

Intego y'ibanze yo kuyishinga yari ukugira ngo ikemure ibibazo byihutirwa byari byugarije abatishoboye, birimo gutabara abahuye n'ingaruka za politiki mbi yari mu gihugu, guhangana n'ingaruka z'ubukene, indwara, ibiza n'ibindi.

Uko imyaka yagiye ihita indi igataha, ku bikorwa by'ubutabazi, Caritas yongeyeho ibikorwa by'iterambere n'ibyo kwita ku buzima. Kuri ubu, Caritas Rwanda ikorera mu gihugu hose ibinyujije muri Caritas 10 za Diyosezi, Caritas 236 za Paruwasi, Caritas za santarali 1.016  n'imiryango remezo 34.080.

## Amateka ya Caritas Rwanda


| 1959 | 1962 | 1963 | 1965 | 2012 |
|---|---|---|---|---|
| Ishingwa yiswe Secours Catholique Rwandais. | Secours Catholique Rwandais yabonye ubuzima gatozi (Iteka N° 488/08). | Secours Catholique Rwandais yahindutse Caritas Rwanda (iteka N° 75/08). | Caritas Rwanda yinjiye mu muryango mugari Caritas Internationalis. | Caritas Rwanda yanditswe nk' Umuryango utari uwa Leta (Iteka N° 06/2012). |

# Abaperezida b'inama y'Ubutegetsi ya Caritas Rwanda




**1959 - 1972**

**Nyiricyubahiro Myr André Perraudin**



**1972 - 1997**

**Nyiricyubahiro Myr Jean Baptiste Gahamanyi**



**1997 - 2022**

**Nyiricyubahiro Myr Thaddée Ntihinyurwa**



**2022 kugeza ubu**

**Nyiricyubahiro Myr Anaclet Mwumvaneza**

# Abanyamabanga Bakuru ba Caritas Rwanda

**1961**



Padiri Arthur Dejemeppe

**1972**



Padiri Roger Depienne

**1973**



Padiri Cyriaque Munyansanga

**1977**



Padiri Carles Maria Giol

**1978**



Padiri Michel Descombes

**1995**



Padiri Callixte Twagirayezu

**1996**



Myr Oreste Incimatata

**2013**



Myr Anaclet Mwumvaneza

**2016**



Myr Jean Marie Vianney Twagirayezu

**2023**



Padiri Oscar Kagimbura

**Kugeza ubu**

# Umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wa 2025

Mu mwaka wa 2025, umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wabonetse ungana na **Frw 239.970.979**. Imbonerahamwe ikurikira, iragaragaza uko umusaruro wabonetse mu myaka itatu ishize.

| 2025 | | | 2024 | | | 2023 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| N° | Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe (Frw) | N° | Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe (Frw) | N° | Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe (Frw) |
| 1. | Ruhengeri | 48.853.603 | 1. | Ruhengeri | 35.197.623 | 1. | Nyundo | 28.366.727 |
| 2. | Nyundo | 40.373.726 | 2. | Nyundo | 33.146.397 | 2. | Ruhengeri | 25.198.908 |
| 3. | Kigali | 36.331.570 | 3. | Cyangugu | 21.313.555 | 3. | Kigali | 21.265.925 |
| 4. | Kabgayi | 31.372.848 | 4. | Kigali | 21.282.851 | 4. | Kibungo | 16.989.261 |
| 5. | Cyangugu | 25.098.940 | 5. | Gikongoro | 16.801.310 | 5. | Cyangugu | 15.365.901 |
| 6. | Gikongoro | 24.707.554 | 6. | Kabgayi | 16.608.098 | 6. | Gikongoro | 13.660.140 |
| 7. | Kibungo | 14.804.362 | 7. | Kibungo | 11.121.587 | 7. | Byumba | 13.189.735 |
| 8. | Butare | 10.426.271 | 8. | Byumba | 6.006.180 | 8. | Kabgayi | 5.501.165 |
| 9. | Byumba | 7.287.105 | 9. | Butare | 3.057.075 | 9. | Butare | 3.878.360 |
| **Ahandi haturutse inkunga** | | | **Ahandi haturutse inkunga** | | | **Ahandi haturutse inkunga** | | |
| 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 715.000 | 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 595.000 | 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 278.000 |
| **Igiteranyo** | | **239.970.979** | **Igiteranyo** | | **165.129.676** | **Igiteranyo** | | **143.694.122** |

## Igereranya musaruro wa 2024 na 2025

Mu myanzuro y'inama yahuje Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda yabereye muri Diyosezi ya Ruhengeri ku itariki ya 8 n'iya 9 Nyakanga 2025, buri Caritas yihaye umuhigo wo kuzamuraho byibuze 20% ku musaruro w'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe wa 2024, kandi byagezweho nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| N° | Diyosezi | Umusaruro wa 2025 | Umusaruro wa 2024 | Inyongera ku ijanisha rya 20% |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Ruhengeri | 48.853.603 | 35.197.623 | 39% |
| 2. | Nyundo | 40.373.726 | 33.146.397 | 22% |
| 3. | Kigali | 36.331.570 | 21.282.851 | 71% |
| 4. | Kabgayi | 31.372.848 | 16.608.098 | 89% |
| 5. | Cyangugu | 25.098.940 | 21.313.555 | 18% |
| 6. | Gikongoro | 24.707.554 | 16.801.310 | 47% |
| 7. | Kibungo | 14.804.362 | 11.121.587 | 33% |
| 8. | Butare | 10.426.271 | 3.057.075 | 241% |
| 9. | Byumba | 7.287.105 | 6.006.180 | 21% |
| | **Ahandi haturutse inkunga** | | | |
| 10. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 715.000 | 595.000 | 20% |
| | **Igiteranyo** | **239.970.979** | **165.129.676** | **45%** |

# *Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe 2025 mu maparuwasi*

**Diyosezi ya Gikongoro**

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse | N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Ruheru | 2.029.900 | 11. | Bishyiga | 1.236.747 |
| 2. | Mushubi | 1.950.050 | 12. | Nyabimata | 1.024.350 |
| 3. | Muganza | 1.851.053 | 13. | Masagara | 982.125 |
| 4. | Mbuga | 1.773.920 | 14. | Kiziri | 966.480 |
| 5. | Gikongoro | 1.559.100 | 15. | Kaduha | 960.000 |
| 6. | Busanze | 1.468.310 | 16. | Cyanika | 958.650 |
| 7. | Kibeho | 1.456.264 | 17. | Gatare | 750.000 |
| 8. | Kivu | 1.373.590 | 18. | Kibumbwe | 715.105 |
| 9. | Kitabi | 1.360.227 | 19. | Nyarunyinya | 518.933 |
| 10. | Kirambi | 1.267.750 | 20. | Ruramba | 505.000 |
| **Igiteranyo** | | | **24.707.554** | | |

**Diyosezi ya Butare**

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse | N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Mugombwa | 1.339.480 | 14. | Magi | 300.667 |
| 2. | Higiro | 800.000 | 15. | Nyumba | 287.693 |
| 3. | Kirarambogo | 765.691 | 16. | Ngoma | 262.200 |
| 4. | Gisagara | 686.440 | 17. | Rango | 200.000 |
| 5. | Kiruhura | 514.000 | 18. | Rugango | 200.000 |
| 6. | Nyamiyaga | 533.333 | 19. | Mbazi | 191.533 |
| 7. | Busoro | 433.200 | 20. | Karama | 160.933 |
| 8. | Kansi | 400.193 | 21. | Simbi | 159.020 |
| 9. | Gakoma | 400.000 | 22. | Save | 138.000 |
| 10. | Cyahinda | 394.400 | 23. | Gikore | 127.100 |
| 11. | St Dominique | 380.133 | 24. | Kibirizi | 85.000 |
| 12. | Cathedrale de Butare | 353.653 | 25. | Ruyenzi | 80.000 |
| 13. | Nyanza | 333.733 | 26. | Byiza | 66.667 |
| **Ahandi haturutse inkunga** | | | | | |
| 27. | Mois de la Charité Sr Auxiliaratrice | 300.000 | 33. | Centre de santé de Gikore | 50.000 |
| 28. | Personnel Caritas | 160.000 | 34. | ENDPK | 33.200 |
| 29. | Srs Bernardine | 100.000 | 35. | Centre de santé de Kansi | 30.000 |
| 30. | Carmelites Thérèse | 100.000 | 36. | Abizeramariya Butare | 5.000 |
| 31. | Petit Séminaire Vilgo Fidelis | 80.000 | 37. | Frères des Ecoles Chrétiennes | 5.000 |
| 32. | Nduwamungu JDD | 50.000 | | | |
| **Igiteranyo** | | | **10.426.271** | | |

**Diyosezi ya Kabgayi**

| N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Kabgayi | 5.047.369 |
| 2. | Gihara | 4.456.800 |
| 3. | Kanyanza | 2.666.600 |
| 4. | Byimana | 1.409.747 |
| 5. | Nyarusange | 1.369.990 |
| 6. | Kayenzi | 1.186.240 |
| 7. | Kivumu | 1.029.080 |
| 8. | Kamonyi | 1.004.507 |
| 9. | Gitare | 937.333 |
| 10. | Ruyenzi | 933.333 |
| 11. | Muyunzwe | 916.200 |
| 12. | Mushishiro | 913.333 |
| 13. | Ntarabana | 488.600 |
| 14. | Ngamba | 880.640 |
| 15. | Gitarama | 865.200 |
| 16. | Mugina | 782.860 |
| 17. | Nyabinoni | 765.667 |
| 18. | Ruhango | 638.027 |
| 19. | Kabugondo | 615.165 |
| 20. | Kizibere | 551.853 |
| 21. | Kinazi | 497.367 |
| 22. | Gisovu | 476.133 |
| 23. | Kabacuzi | 473.250 |
| 24. | Musambira | 413.360 |
| 25. | Kibangu | 404.367 |
| 26. | Cyeza | 400.000 |
| 27. | Karambi | 337.653 |
| 28. | Kigoma | 268.867 |
| 29. | Kabuga | 267.307 |
| 30. | Nzuki | 266.667 |
| 31. | Nyabinyenga | - |
| **Ahandi haturutse inkunga** | | |
| 32. | Amashuri | 109.333 |
| **Igiteranyo** | | **31.372.848** |

**Diyosezi ya Kibungo**

| N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Kibungo | 1.410.050 |
| 2. | Musaza | 948.660 |
| 3. | Gahara | 910.800 |
| 4. | Zaza | 835.900 |
| 5. | Rwamagana | 750.800 |
| 6. | Kirehe | 714.100 |
| 7. | Bare | 646.920 |
| 8. | Ruhunda | 636.102 |
| 9. | Rukara | 598.750 |
| 10. | Gashiru | 533.300 |
| 11. | Nyarubuye | 518.000 |
| 12. | Rukoma | 504.000 |
| 13. | Rusumo | 496.760 |
| 14. | Gishanda | 432.630 |
| 15. | Rukira | 369.240 |
| 16. | Kabarondo | 284.200 |
| 17. | Kansana | 272.890 |
| 18. | Kiyanzi | 210.400 |
| 19. | Munyaga | 175.550 |
| 20. | Mukarange | 173.330 |
| 21. | Remera | 165.330 |
| 22. | Nyakabungo | 160.000 |
| **Ahandi haturutse inkunga** | | |
| 23. | Amashuri | 3.056.650 |
| **Igiteranyo** | | **14.804.362** |

**Diyosezi ya Ruhengeri**

| N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Ruhengeri | 9.265.333 |
| 2. | Butete | 7.676.780 |
| 3. | Runaba | 4.352.000 |
| 4. | Bumara | 3.833.653 |
| 5. | Nemba | 3.606.860 |
| 6. | Rwaza | 3.582.773 |
| 7. | Busogo | 2.933.333 |
| 8. | Mwange | 2.686.667 |
| 9. | Kampanga | 2.150.387 |
| 10. | Murama | 1.449.613 |
| 11. | Janja | 1.400.000 |
| 12. | Gahunga | 1.385.500 |
| 13. | Nyakinama | 1.143.051 |
| 14. | Kinoni | 1.004.840 |
| 15. | Nyamugari (Ntiratahwa) | 1.000.000 |
| 16. | Busengo | 708.000 |
| 17. | Kanaba | 621.480 |
| 18. | Nkumba (Ntiratahwa) | 53.333 |
| **Igiteranyo** | | **48.853.603** |

**Diyosezi ya Byumba**

| N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Nyarurema | 1.000.000 |
| 2. | Bungwe | 800.000 |
| 3. | Ngarama | 612.250 |
| 4. | Kiziguro | 600.000 |
| 4. | Mimuli | 600.000 |
| 6. | Gituza | 400.000 |
| 7. | Mutete | 386.580 |
| 8. | Rushaki | 350.000 |
| 9. | Nyinawimana | 307.965 |
| 10. | Matimba | 303.000 |
| 11. | Muhura | 300.000 |
| 12. | Gihengeri | 234.440 |
| 13. | Rukomo | 233.350 |
| 14. | Byumba | 210.000 |
| 15. | Nyagatare | 209.000 |
| 16. | Burehe | 205.000 |
| 17. | Nyagisozi | 187.300 |
| 18. | Mulindi | 126.800 |
| 19. | Runyinya | 131.300 |
| 20. | Nyagahanga | 90.120 |
| 21. | Kinihira | - |
| 22. | Rwamiko | - |
| 23. | Nyakayaga | - |
| 24. | Kisaro | - |
| 25. | Muyanza | - |
| **Igiteranyo** | | **7.287.105** |

**Diyosezi ya Cyangugu**

| N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Nyamasheke | 2.200.000 |
| 2. | Nyabitimbo | 2.068.770 |
| 3. | Mwezi | 1.512.250 |
| 4. | Mushaka | 1.400.000 |
| 5. | Nkanka | 1.370.880 |
| 6. | Shangi | 1.145.940 |
| 7. | Cyangugu | 1.027.450 |
| 8. | Ntendezi | 704.250 |
| 9. | Rasano | 700.250 |
| 10. | Giheke | 618.100 |
| 11. | Mibilizi | 611.460 |
| 12. | Nyakabuye | 602.500 |
| 13. | Bukunzi | 595.150 |
| 14. | Runyanzovu | 591.550 |
| 15. | Mugomba | 570.670 |
| 16. | Muyange | 453.000 |
| 17. | Yove | 451.090 |
| 18. | Nkombo | 432.560 |
| 19. | Tyazo | 426.410 |
| 20. | Hanika | 422.500 |
| 21. | Mashyuza | 406.250 |
| **Ahandi haturutse inkunga** | | |
| 22. | Amashuri | 6.483.210 |
| 23. | FOSA et congrégations religieuses | 304.700 |
| **Igiteranyo** | | **25.098.940** |

**Diyosezi ya Nyundo (umusaruro wa zone Gisenyi na zone Kibuye)**

| Zone Gisenyi | | | Zone Kibuye | | |
|---|---|---|---|---|---|
| N$^0$ | Paruwasi | Inkunga yabonetse | | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
| 1. | Busasamana | 2.460.995 | 1. | Murunda | 2.061.946 |
| 2. | Gisenyi | 2.358.670 | 2. | Mubuga | 2.023.430 |
| 3. | Muramba | 2.156.270 | 3. | Nyange | 2.001.505 |
| 4. | Kinunu | 1.625.710 | 4. | Kibirizi | 1.609.590 |
| 5. | Rambura | 1.537.430 | 5. | Congo Nil | 1.555.320 |
| 6. | Nyundo | 1.504.440 | 6. | Gisovu | 1.365.630 |
| 7. | Muhororo | 1.307.480 | 7. | Birambo | 1.363.675 |
| 8. | Kivumu | 1.269.100 | 8. | Gakeri | 1.126.720 |
| 9. | Kabaya | 1.221.295 | 9. | Kibingo | 1.067.870 |
| 10. | Biruyi | 1.185.110 | 10. | Kibuye | 1.007.520 |
| 11. | Kora | 1.384.145 | 11. | Mushubati | 880.640 |
| 12. | Rususa | 923.750 | 12. | Mukungu | 738.940 |
| 13. | Nyabirasi | 909.840 | **Ahandi haturutse inkunga** | | |
| 14. | Gatovu | 876.875 | 13. | Abakozi ba Caritas | 203.000 |
| 15. | Muhato | 803.250 | | | |
| 16. | Rambo | 780.000 | | | |
| 17. | Kavumu | 687.360 | | | |
| 18. | Kanama | 245.720 | | | |
| 19. | Mbugangali | 130.500 | | | |
| Igiteranyo | | **23.367.940** | Igiteranyo | | **17.005.786** |
| **Igiteranyo cyose** | | **40.373.726** | | | |

**Arikidiyosezi ya Kigali**

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse | N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Kacyiru | 3.215.410 | 23. | Musenyi | 446.220 |
| 2. | Gihogwe | 2.749.710 | 24. | Rilima | 414.370 |
| 3. | Sainte Famille | 2.666.735 | 25. | Karama | 407.920 |
| 4. | Rulindo | 2.150.000 | 26. | Mayange | 404.667 |
| 5. | Kabuye | 2.118.550 | 27. | Butamwa | 404.450 |
| 6. | Nyamirambo | 1.585.100 | 28. | Muhondo | 397.620 |
| 7. | St Michel | 1.564.746 | 29. | Nkanga | 371.220 |
| 8. | Gikondo | 1.533.335 | 30. | Shyorongi | 317.000 |
| 9. | Kicukiro | 1.400.610 | 31. | Karenge | 309.080 |
| 10. | Regina Pacis | 1.391.540 | 32. | Ruhuha | 295.400 |
| 11. | Nyamata | 1.292.620 | 33. | Gishaka | 273.600 |
| 12. | Ndera | 1.269.770 | 34. | Gahanga | 265.630 |
| 13. | Kimihurura | 1.027.240 | 35. | Rwankuba | 254.050 |
| 14. | Kigarama | 1.020.250 | 36. | Musha | 230.870 |
| 15. | Kabuga | 869.500 | 37. | Kamabuye | 230.450 |
| 16. | Kanombe | 826.547 | 38. | Mbogo | 204.700 |
| 17. | St Pierre | 812.400 | 39. | Gitabage | 197.700 |
| 18. | Rushubi | 750.000 | 40. | Rusasa | 186.450 |
| 19. | Rutongo | 545.730 | 41. | Mugote | 182.500 |
| 20. | Masaka | 480.700 | 42. | Munanira | 148.000 |
| 21. | Muyumbu | 460.480 | 43. | Munyana | 130.000 |
| 22. | Ruli | 458.700 | 44. | Rutonde | 70.000 |
| **Igiteranyo** | | | **36.331.570** | | |

# AMASHAMI YA CARITAS RWANDA N'IBIKORWA BYAYO

## I. Ishami ryita ku Batishoboye

Ishami ryita ku Batishoboye, ni ryo shingiro ry'ubutumwa bwa Caritas kandi mu mateka ya Caritas ni ryo ryavutse mbere y'ayandi. Ibikorwa byaryo binyura muri izi serivisi eshatu: (i) ubukangurambaga n'amahugurwa, (ii) ubutabazi no (iii) gutabara abahuye n'ibiza.

Muri serivisi y'ubukangurambaga n'amahugurwa, harimo ibikorwa bihamagarira abantu kubana mu rukundo rwa kivandimwe no kwita ku batishoboye bose nta kuvangura. Abakene nabo bakangurirwa kumenya ubushobozi bifitemo kugira ngo bivane mu bukene biteze imbere.

Iri shami kandi ni ryo ryita ku buryo bwihariye ku bikorwa byo gufasha abantu kubana mu bwiyunge no mu mahoro. Ubukangurambaga n'amahugurwa bikorwa n'abakozi n'abakorerabushake ba Caritas basanga abantu muri sosiyete, mu mashuri makuru n'amato, muri za Seminari Nkuru n'ahandi. Ubu bukangurambaga kandi bukorwa binyuze mu bitangazamakuru binyuranye byaba ibyanditse, radiyo na televiziyo.

Ikiba kigamijwe muri byose, ni ugukangurira abantu inshingano zo kwita ku bavandimwe bacu batishoboye, kubungabunga agaciro Imana yabaremanye, kuko Yezu atubwira ko tuzabahorana. Mu yandi magambo Yezu tuzamuhorana muri bo (Mk 14,7).



**Sr Gaudiose Nyiraneza, ushinzwe Ubukangurambaga n'Ubutabazi mu Ishami ryita ku Batishoboye.**

Serivisi y'ubutabazi ishinzwe gufasha mu buryo bufatika abakene n'abatishoboye b'ingeri zinyuranye nta kuvangura, cyane cyane imfubyi, n'abapfakazi, impunzi n'abimukira, imfungwa n'abagororwa, abageze mu zabukuru n'abafite ubumuga (Mt 25,35-36).

Serivisi yo gutabara abahuye n'ibiza ishinzwe guhugura abakozi n'abakorerabushake ku bijyanye n'uburyo bwo gukumira ibiza ndetse n'uburyo bwo gutabara byihuse abahuye n'ibiza bakoresheje ubufasha bufatika n'ubwo kubaba hafi mu ihungabana bahura naryo.

Ubu butabazi Caritas Rwanda ibukora mu gihugu imbere ndetse no mu bindi bihugu. Ubufasha Caritas Rwanda yahaye abakene muri iri Shami ryita ku Batishoboye, bwabafashije kugera kuri ya ntego yo kubasubiza agaciro baremanywe no kugira ubuzima bukwiye ikiremwamuntu.

# Ibyagezweho mu Ishami ryita ku Batishoboye (mu myaka ishize)

## I. Umusanzu mu bijyanye n'uburezi

**Abantu 375.326** bafashijwe kwiga bagira ubumenyi mu buryo bukurikira:

01 Abana **284.038** barihiwe kwiga amashuri banahabwa ibikoresho by'ishuri.

02 Abakuze **48.477** bigishijwe gusoma no kwandika.

03 Serivisi z'ubujyanama, no gukurikiranwa ku bantu **345.502** zibafasha kugera ku iterambere.

## II. Ubundi bufasha

**Abantu 533.655** bahawe ubufasha butandukanye na Caritas nk'uko bugaragara kuri iki gishushanyo

Ubundi bufasha ku batishoboye **533.655**

01 Abakuze **15.642** bitaweho

02 Inkunga y'ibyo kurya n'amafaranga ku barenga **331.148**.

03 Imfungwa n'abagororwa (**+ 18.942**) barasuwe bahabwa n'ubufasha.

04 Serivisi z'isanamitima ku barenga **95.155**.

05 Ubuvuzi, insimburangingo cg igororangingo ku bafite ubumuga **14.178.**

06 Gusubiza mu miryango/ishuri abana bo mu mihanda barenga **7.456**.

07 Ubufasha bunyuranye ku bangavu babyaye barenga **3.211.**

08 Ubufasha ku badashoboye gukora **47.923.**

## III. Gushakira abatishoboye amacumbi no kubaremera

Imiryango **48.358** yubakiwe amacumbi yo kubamo.

Kuva mu 2012, imiryango itishoboye **8.969** yahawe inkunga y'amafaranga arenga miliyari 4.8 y'amafaranga y'u Rwanda kugira ngo ikore imishinga ibyara inyungu.

Abatishoboye **13.287** bafashijwe kubona amabati, ibiryamirwa, n'ibikoresho byo mu rugo n'iby'isuku.

Amatungo maremare n'amagufi **65.842** yahawe imiryango itishoboye ngo yiteze imbere.

## IV. Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe

Umusaruro w'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe ni igikorwa cyashyizweho n'Abepiskopi Gatolika, kigamije gufasha abatishoboye n'abahura n'ibiza mu gihugu no hanze yacyo. Izi nkunga zitangwa n'abakristu n'abandi bantu b'umutima mwiza, bikaba bikorwa mu gihugu hose mu kwezi kwa 8, uhereye mu muryangoremezo.

Kuva mu 1999, inkunga yakusanyijwe irenga **miliyari 1.5 z'amafaranga y'u Rwanda**, yiyongeraho inkunga itangwa n'abafatanyabikorwa n'abandi baterankunga batandukanye.

Uretse inkunga y'amafaranga, hanakusanywa kandi hakanatangwa ibiribwa, imyambaro, ibikoresho byo mu rugo n'iby'isuku, bigashyikirizwa abakeneye ubufasha.

# *Ubuhamya*

## Abakuze bafashijwe na Caritas kwiga gusoma no kwandika bishimira ko bajijutse




***Thérèse Uwizeyemariya umwe mu bigishijwe gusoma bakuze na Caritas Gikongoro.***

Bimwe mu bikorwa Caritas yakoze mu myaka 66 imaze ishinzwe mu Rwanda, harimo guteza imbere gusoma no kubara ku bakuze, aho mu myaka 31 (1994 – 2025) yafashije abarenga 48.477. Thérèse Uwizeyemariya na Argénèse Ruzindana bo muri Diyosezi ya Gikongoro ni bamwe mu bigishijwe na Caritas Gikongoro kuva 2006 kugeza 2008.

Thérèse avuga ko icyamuteye umwete wo kujya kwiga akuze icya mbere ari uko yabikanguriwe, icya kabiri akaba yarababazwaga n'uko atabashaka gusoma nk'abandi, aho yanyuraga ku cyapa ntamenye icyo gisobanuye, cyangwa bakajya mu mahugurwa we ntabashe kujyayo kuko atari azi kwandika. Yagize ati: "Ugasanga nk'ubwo ndi mu itsinda ryo kwizigama ariko ibyo barimo kwandika ntabizi, ariko nyuma yo kwiga, ibyo bandika byose mba mbisobanukiwe".

Argénèse Ruzindana nawe biganye avuga ko nyuma yo kwiga gusoma no kwandika abasha kwisomera ibitabo n'ubutumwa bugufi kuri telefone. Ati: *"Twarajijutse, ubu rwose twavuye mu bwigunge. Ubu umpaye n'igitabo nagisoma"*.

Caritas yakoze igikorwa cyo kwigisha abakuze gusoma no kwandika hirya no hino mu gihugu binyuze muri Caritas za diyosezi n'iza paruwasi.




***Ruzindana Argénèse ubwo yiyibutsaga ibyo yize.***

Kugira ngo batibagirwa ibyo bize, Thérèse na Argénèse bavuga ko basoma igitabo cy'umukristu na Bibiliya, bakaba bashimira Caritas yabafashije kujijuka ikabakura mu bwigunge.

## *Ubuhamya*

# Jean Paul na Alphonsine batuye heza nyuma yo kubakirwa inzu



***Jean Paul, Alphonsine, n'abana babo, imbere y'inzu bubakiwe.***

Umuryango wa Habamenshi Jean Paul na Bayavugemunyurwe Alphonsine utuye mu mudugudu wa Birambo, Akagali ka Birambo, Umurenge wa Gitesi mu Karere ka Karongi, wubakiwe inzu wishimira, kuko aho wabaga hatari heza. Uyu ni umwe mu miryango yubakiwe na Caritas.

Igikorwa cyo kubaka iyi nzu cyatangiye ku itariki ya 1 Nzeri 2022 binyuze mu mushinga Tubeho Neza Amazi Hafi watewe inkunga na Caritas Solovenia ifatanije na Minisiteri y'ububanyi n'amahanga ya Slovenia. Uyu mushinga washyizwe mu bikorwa na Caritas Kibuye, ukurikiranwa na Caritas Rwanda.

Inzu yaruzuye maze ishyikirizwa ba nyirayo mu birori byabaye ku mugaragaro ku itariki ya 23 Mutarama 2023, byari byitabiriwe n'abayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturage.

Ni inzu ifite ibyumba bitatu n'uruganiriro, igikoni hanze, ubwogero n'ubwiherero.

Yubatswe mu buryo butangiza ibidukikije. Alphonsine ashimira cyane ababateye inkunga kuri ubu bakaba batuye ahantu heza. Yagize ati: "Twabaga mu tuzu duto cyane, imvura iyo yagwaga amazi yinjiraga mu nzu, yahita bikaba ngombwa ko tuyadaha tuyasuka hanze".

Mu gihe cyo kubaka iyi nzu kandi, Alphonsine avuga ko we n'umugabo we bahawemo akazi k'ubuyede, bibafasha no kubona igitunga umuryango. Ati: "Ubwo yubakwaga, naribazaga nti ariko buriya koko iriya nzu ni iyanjye? Ariko yaruzuye turayitaha. Ndashima abaduteye inkunga, Imana ijye ibaha umugisha wa buri munsi".



***Jean Paul imbere y'inzu ya cyera.***



***Ubwo inzu nshya yubakwaga.***

# II. Ishami ry'Ubuzima




*Ibitaro bya Kabgayi.*

Ishami ry'ubuzima rya Caritas Rwanda rifite ubutumwa bwo guteza imbere urwego rw'ubuzima hagamijwe ko buri wese agerwaho na serivisi z'ubuvuzi zidahenze kandi zifite ireme. Rigamije kandi kurengera ubuzima, gukumira, no kuvura indwara zitandukanye harimo n'ubuvuzi bw'isanamitima, byose bikaba bikorwa hashingiwe ku mahame n'imyizerere ya Kiliziya Gatolika.

Ishami ry'ubuzima rifite serivisi 4 z'ingenzi ari zo:

(i) Serivisi ishinzwe guhuza ibikorwa by'ubuvuzi by'amavuriro ya Kiliziya Gatolika ku rwego rw'igihugu;

(ii) Serivisi ishinzwe gukumira no kuvura indwara zandura n'izitandura;

(iii) Serivisi ishinzwe imirire myiza n'iterambere ry'abana bato;

(iv) Serivisi ishinzwe guteza imbere gahunda yo guteganya imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere.

Ishami ry'ubuzima ryagiye ryiyubaka cyane cyane nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Habaye-ho igihe twakwita icy'ubutabazi (imyaka itatu) cyo gusana no kubaka ibikorwaremezo n'ibigo by'ubuvuzi bya Kiliziya Gatolika. Ibi byakozwe ku bufatanye na za Caritas zo ku muga-
bane w'Uburayi n'ahandi, zirimo

Caritas Italie, Caritas Espagne, Caritas Austria, Secours Catholique France na Caritas Australia.

Ubufasha bw'inzobere bwatanzwe cyane cyane na Caritas Italie, bwagize uruhare rungana na 80% by'inkunga yose yatanzwe. Mu mwaka wa 1998, Inama Nkuru y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yeguriye Caritas Rwanda inshingano zo gukora ihuzabikorwa ry'inzego z'ubuzima za Kiliziya Gatolika ku rwego rw'igihugu.

Ubutumwa bwahawe Caritas Rwanda mu rwego rw'ubuzima ni uguteza imbere gahunda zose zigamije kubungabunga no guteza imbere ubuzima kandi zishingiye ku myemerere n'amahame ya Kiliziya Gatolika (Yh 10,10).

Mu rwego kandi rwo gukomeza kunganira Leta muri gahunda yayo yo kwegereza serivisi z'ubuzima abaturage, kugeza ubu Kiliziya Gatolika ifite ibitaro 7 byo ku rwego rw'Akarere n'ibitaro 4 byihariye (Hôpitaux spécialisés). Ifite kandi ibigo nderabuzima 110 biri mu turere twose tw'igihugu. Hari n'amavuriro y'ibanze agera ku 114 (postes de santé), ari mu mbago z'ibyo bigo nderabuzima. Hakaba kandi urwego rw'abajyanama b'ubuzima bakorana n'ibyo bigo umunsi ku munsi.



**Dr Jean Bosco Kanani, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima muri Caritas Rwanda.**

Kiliziya Gatolika ifite kandi amashuri yisumbuye na kaminuza byigisha abaforomo n'ababyaza ku rwego rwa A1 na A0. Ibyo bigo tubisanga muri Diyosezi ya Ruhengeri, iya Butare, Kabgayi, Kibungo no muri Arikidiyosezi ya Kigali.

Mu rwego rw'imikorere n'imikoranire n'izindi nzego, Kiliziya Gatolika ifitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda binyuze muri Ministeri y'Ubuzima. Aya masezerano ateganya uburyo bugenwa n'amategeko ajyanye n'ishingwa, ishyirwa mu bikorwa, icungwa n'ubufatanye hagati ya Ministeri y'Ubuzima na nyir'ikigo cy'ubuvuzi gihabwa inkunga na Leta.

# Ibyagezweho mu Ishami ry'Ubuzima

## I. Imirire myiza n'Imbonezamikurire y'abana bato

**Imirire myiza n'Imbonezamikurire y'abana bato**

- Caritas yashyizeho ibigo mbonezamikurire **45.122**, bihabwa ibikenewe mu kwita ku bana.
- Abana **1.794.595** bitabiriye kujya mu bigo mbonezamikurire byashyizweho na Caritas, bagira ubuzima bwiza.
- Abana **49.570** bari bafite imirire mibi bafashijwe kuyivamo.
- Abarezi **2.585.673** bahuguwe ku nkingi 6 z'imbonezamikurire y'abana bato.
- Amashuri mbonezamikurire **2.724** yashyizweho hagamijwe guteza imbere imikurire myiza y'umwana.

## II. Gukumira indwara zandura n'izitandura

### 01 Kurwanya malariya

Ubwandu bwa malariya bwagabanutse ku kigero cya **77%** mu **turere 30** twose tw'igihugu (aho Caritas ikorera ibikorwa byo kurwanya malariya).

### 02 Kurwanya igituntu

Abaganga **220** bo ku bigo nderabuzima n'ibitaro by'uturere bahuguriwe gukumira, gusuzuma no kuvura igituntu.

Abajyanama b'ubuzima **2.760** bahuguriwe gufasha mu gusuzuma hakiri kare igituntu.

Abantu **15.792** bagaragaweho ibimenyetso by'igituntu boherejwe kwa muganga barasuzumwa. **849** muri bo byagaragaye ko barwaye igituntu bitaweho.

### 03 Kurwanya SIDA


Buri mwaka abantu barenga **85.000** bapimwa SIDA mu mavuriro ya Kiliziya Gatolika, banahabwa inama z'uburyo bakwitwara.

Abafite ubwandu bwa SIDA **33.800** bahabwa imiti igabanya ubukana kandi bagakomeza kwitabwaho.

Abangavu n'abakobwa barenga **45.000** baganirijwe ku buzima bw'imyororokere, kwirinda SIDA, no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

## III. Gukangurira abashakanye guteganya imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere (PFN)

Ingo z'abashakanye **442.205** ziteganya urubyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere. Igishushanyo gikurikira, kigaragaza ubwitabire kuri iyi serivisi kuva 2020 kugeza 2023:




**Abantu bashya bitabiriye gahunda yo guteganya imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere**

Abantu barenga **3.734.778** bakanguriwe kwitabira gukoresha uburyo bwo guteganya imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere. Ubu bukangurambaga bwakorewe muri paruwasi gatolika zose mu 2024.

# Rulindo: Kwita ku bana bafite imirire mibi byatanze umusaruro




***Ababyeyi bo mu Karere ka Rulindo, ubwo bari barimo kwita ku mwana wabo kugira ngo arusheho kugira imirire myiza.***

Muri Mata na Gicurasi 2023, Caritas Rwanda ibinyujije muri porogaramu yari ifite yitwa Gikuriro Kuri Bose yakusanyije amakuru ajyanye n'umubare w'abana bafite imirire mibi bo mu Karere ka Rulindo, itanga ubushobozi ku miryango itishoboye kugira ngo imirire y'aba bana izahuke mu gihe cy'iminsi 12. Muri iki gihe, abana 197 bari bafite imirire mibi bongeye kugira ubuzima bwiza.

Muri iki gikorwa, Gikuriro Kuri Bose yakoranye n'Akarere ka Rulindo, inzobere mu by'ubuzima n'abakore-rabushake batandukanye, hategurwa gahunda zinyuranye zirimo kwita ku mirire, gutanga serivisi z'ubuzima, gukora ubukangurambaga burebana no kwita ku mirire myiza no guteza imbere ubukungu mu baturage.

Inkunga y'amafaranga yakoreshejwe mu kugura ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri, birimo amata, biboneka aho abantu batuye kugira ngo imirire y'aba bana izahuke. Buri rugo rufite umwana wazahaye rwahawe Frw 9.000.

Nyuma y'iki gikorwa cyo kuzahura imirire ku bana, ubuzima bw'abana 197 bari bafite imirire mibi cyane bwatangiye kugaragaza ibimenyetso ko bwazahutse. Ibiro byabo n'uburebure byatangiye kwiyongera, kandi ubuzima bwabo muri rusange burushaho kuba bwiza. Gikuriro Kuri Bose yakomeje gukurikirana aba bana na nyuma y'uko iyi gahunda isojwe, kugira ngo badasubira inyuma.

Mukamana Béatrice, ufite umwana wakize imirire mibi nyuma y'iyi minsi 12, yagize ati: *"Umwana wacu yari amaze igihe kinini afite ikibazo cy'imirire mibi. Byaratubabazaga cyane guhora tubwirwa n'abajyanama b'ubuzima ko umwana wacu ari mu muhondo (afite imirire mibi) imbere y'abandi babyeyi bafite abana bakura neza. Ku kigo nderabuzima baduhaga amata ariko imirire mibi yanga gushira. Iyi minsi 12 yatubereye igisubizo, turavuga ngo reka dukoreshe imbaraga zose n'inama tugirwa, none umwana wacu ameze neza."*

# III. Ishami ry'Iterambere

Ishami ry'Iterambere rikorana n'ibyiciro byose by'abaturage mu kubateza imbere. Ibikorwa by'iri shami byibanda cyane cyane mu gufasha abahinzi n'aborozi bibonge-rera ubushobozi mu gukora ubuhinzi n'ubworozi bubungabunga ibidukikije. Ibi bigerwaho akenshi binyuze mu mahugurwa, ingendoshuri, gutanga inyongeramusaruro, ndetse no kubahuza n'amasoko.

Uretse kongera umusaruro w'ubuhi-nzi n'ubworozi, Caritas ifasha abafatanyabikorwa shingiro mu kongerera umusaruro agaciro. Ibi bibafasha kubona inyungu yisumbuyeho.

Ibi bikorwa byunganirwa no kubafasha kwibumbira mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya, abafasha kwiteza imbere mu bukungu, kubona inguzanyo, no kongera ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo by'imibereho kuko ayo matsinda yose agira ikigega cy'ingoboka, gifasha mu gihe hari uhuye n'ibibazo bitunguranye nk'uburwayi cyangwa ibiza byashoboraga kumusubiza inyuma mu rugendo rw'iterambere.




**Bwana Emmanuel Uwiragiye, Umuyobozi w'Ishami ry'Iterambere muri Caritas Rwanda**

Ishami ry'Iterambere na none rikorana na hafi n'abikorera, hagamijwe gufasha urubyiruko kubona imirimo myiza kandi irambye. Ibi bigerwaho binyuze mu kubafasha kwiga imyuga cyangwa se imenyerezamwuga, nka bumwe mu buryo bwo kugabanya ubukene n'ubushomeri mu rubyiruko. Nyuma y'amahugurwa bamwe bahanga imyuga ijyanye n'ibyo bahuguwemo, abandi bagahuzwa n'abashobora kubaha akazi.

Ibi bikorwa binyuranye byose bihuriza ku gufasha abafatanya-bikorwa shingiro gusubirana agaciro baba barambuwe n'ubuke-ne maze bigatuma bagira uruhare rwuzuye muri gahunda z'igihugu aho kubaho bateze amaboko cyangwa bategereje ubufasha (Laborem Exercens, N$^0$ 4).

# Ibyagezweho mu Ishami ry'Iterambere

## I. Kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi

**01** Abahinzi **2.014.165** bafashijwe kubona inyongeramusaruro zitandukanye mu buhinzi.

**02** Abahinzi **1.033.514** bahawe ubumenyi ngiro mu bijyanye no kunoza ubuhinzi.

**03** Ibigega byo gutunganya no guhunika umusaruro **115** byarubatswe kandi abahinzi bahabwa ibikoresho byabugenewe.

**04** Aborozi **1.250.960** bahuguwe ku bworozi bwa kijyambere.

**05** Imiryango **368.906** itishoboye yahawe amatungo magufi n'amaremare.

## II. Kwegerezwa serivisi z'imari, kwihangira imirimo, n'akazi

**01** **Guhanga akazi**

Urubyiruko 163.375 rwahawe inkunga yo kwiga imyuga rwihitiyemo, bamwe bihangira imirimo, abandi bakora akazi mu bigo bisanzweho.

**02** **Kwihangira imirimo mu rubyiruko**

Urubyiruko 175.374 rwahuguwe ku ikoranabuhanga, kwihangira imirimo no kunoza ubucuruzi bwarwo.

**03** **Kwegerezwa serivisi z'imari**

Hashinzwe amatsinda yo kuzigama no kugurizanya **45.903**, arahugurwa kandi 47% by'abanyamuryango bafashwa gutangiza imishinga ibyara inyungu.

Binyuze mu makoperative, abantu **169.654** bafashijwe gucunga, guhunika no kugurisha umusaruro w'ubuhinzi.

## III. Guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no gucunga neza umutungo kamere

**01** Imiryango **1.098** itishoboye yafashijwe kubona umuriro uturuka ku mirasire y'izuba.

**02** Abantu **184.601** bahuguwe kandi baterwa inkunga mu bikorwa byo gucunga umutungo w'amazi neza.

**03** Abantu **65.151** bungukiye mu nkunga Caritas yatanze yo kubaka amaterasi y'indinganire kuri **hegitari 434**.

**04** Ibiti bivangwa n'imyaka n'imbuto bigera kuri **83.862.170** byaratewe.

# Yahoze ahingira abandi, none acuruza umusaruro w'abo yahingiraga



**_Ethane Jean Bosco, umwe mpunzi z'Abarundi, yarahuguwe ahabwa n'igishoro, none ubu ni umucuruzi uranguza abandi._**

Ethane Jean Bosco ni umusore w'impunzi ukomoka mu gihugu cy'u Burundi, utuye mu nkambi y'impunzi ya Mahama. Ethane wahoze ahingira abandi kugira ngo abeho, asigaye acuruza imbuto, imboga, ubuki, ifu zitandukanye, ibinyampeke n'ibindi biribwa bitandukanye mu isoko rya Mahama II.

Ethane avuga ko intambwe yateye mu mibereho ye ayikesha amahugurwa n'inkunga y'amafaranga ingana na Frw 800.000 yahawe binyuze mu mushinga wa Graduation wa Caritas Rwanda, uterwa inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi UNHCR.

Iyo avuga ubuhamya bwe, Ethane yemeza ko mbere yajyaga ahinga mu mirima y'abandi kugira ngo abone icyamutunga . Ati: *"Nabeshwagaho no guhinga mu mirima y'abandi. Ariko nyuma yo guhabwa inkunga ya Frw 800.000 muri Kamena 2023, natangiye kugura no kugurisha umusaruro w'abo nari nsanzwe nkorera. Ubu nishimira ko nanjye hari abakozi babiri nahaye akazi mpemba ku kwezi."*

Uyu musore akomeza ashimangira ko ubu abona inyungu ingana na Frw 150.000 ku kwezi kandi itarimo ayo akoresha mu byo akenera mu kwezi. Imibereho ye yahindutse mu buryo bugaragara; imikoranire ye n'amatsinda yo kuzigama n'ibigo by'imari iciriritse yateye imbere, ndetse afite igishoro kigeze kuri Frw 3.000.000 akoresha mu bucuruzi bwe.



**_Zimwe mu mbuto Ethane acuruza._**



**_Ethane imbere y'icyumba ataramo imineke._**

# IV. Ishami ry'Ubutegetsi n'Imari

Mu 2010, hashyizweho Ishami rishinzwe Ubutegetsi n'Imari, kugira ngo ricunge neza umutungo w'amafaranga, abakozi n'ibikoresho ndetse no gutekereza ku ishoramari rigamije kongera umutungo bwite w'ikigo.

Iri shami ryafashije mu gukusanya ubushobozi binyuze mu gupiganira imishinga itandukanye, bituma habaho kugirana ubufatanye n'abaterankunga batandukanye barimo Leta y'u Rwanda, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Umuryango w'Ubumwe bw'ibihugu by'Uburayi, HCR, World Vision, Plan International Rwanda, Caritas zo mu bindi bihugu, ndetse n'abandi.



**Madamu Pauline KAYITARE MPINGANZIMA, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubutegetsi n'Imari.**

Ishami ry'Ubutegetsi n'Imari rifite uruhare rukomeye mu gukusanya ubushobozi mu gihugu hagamijwe kubaka Caritas Nyarwanda. Mu kwezi kwa munani, mu gihugu hose hakusanywa inkunga, igashyirwa mu kigega cy'Ukwezi kw'Urukundo n'Impuhwe kigoboka abagizweho ingaruka n'ibiza.

Abakozi ba Caritas ku nzego zose hamwe n'abakozi b'ibigo byayo by'ubucuruzi, nka Centenary House na Librairie Caritas batanga inkunga buri kwezi mu kigega "Umusemburo wa Caritas Nyarwanda". Haracyigwa uburyo ubu bukangurambaga bwagezwa no mu bindi bigo byaba ari ibishamikiye kuri Kiliziya, ibya Leta ndetse n'iby'abikorera ku giti cyabo.

Mu rwego rwo kwigira, Caritas Rwanda yubatse inzu y'ubucuruzi yahawe izina rya Centenary House, ndetse n'inzu nto zo guturamo zikodeshwa. Yashoye imari mu bucuruzi bw'imitako ndetse n'ibihangano by'ubugeni, ibitabo n'ibikoresho byifashishwa mu mashuri no mu biro, bigurishwa na Librairie Caritas.



**Centenary House, inzu y'ubucuruzi ya Caritas Rwanda.**


Caritas ifite kandi imigabane mu bigo by'ubucuruzi, ari byo RIM itanga serivisi z'imari na SODAR, uruganda rutunganya umusaruro w'umuceri mu gishanga cya Bugarama.

Binyuze mu micungire inoze iciye mu mucyo ndetse no kubahiriza amategeko mpuzamahanga agenga imicungire y'umutungo (Mt 25, 21), iri shami rikomeza kugira uruhare rukomeye mu kunoza imikorarnire n'abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda bose.

# Aho umutungo Caritas Rwanda ikoresha uturuka

Ibikorwa bimaze kuvugwa n'ibitakomojweho, byashyizwe mu bikorwa ku bufatanye bukomeye n'uruhare rw'abaterankunga batandukanye mu by'imari, bose biyemeje gushyigikira Caritas Rwanda mu butumwa bwayo bwo kwita ku batishoboye no guteza imbere imibereho myiza yabo.

Kuva mu 2015 kugeza mu 2024, umutungo wakoreshejwe ni aha waturutse:



# Abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda

- Republic of Rwanda – Ministry of Health
- rbc – Rwanda Biomedical Centre – Healthy People, Wealthy Nation
- NCDA – National Child Development Agency
- UNHCR – The UN Refugee Agency
- Mednarodno razvojno sodelovanje Slovenije – Slovenia's Development Cooperation
- PEPFAR – U.S. President's Emergency Plan for AIDS Relief
- CRS – Catholic Relief Services
- Plan International
- Enabel
- World Vision
- The Task Force for Global Health
- Secours Catholique – Caritas France
- Belgique – partenaire du développement
- The Global Fund
- Caritas Japan
- Caritas Austria
- Caritas Italiana – organismo pastorale della CEI
- Karitas – Caritas Slovenia
- Caritas Africa
- Caritas Korea
- Cáritas Española
- Caritas Internationalis
- Trócaire – Working for a just world.
- caritas international.be

# Gushimira



**Padiri Oscar KAGIMBURA, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda.**

Ubutumwa bwa Caritas bwo kwita ku batishoboye bushingiye ku Ivanjiri ya Yezu Kristu, ari naho bukomora umwihariko wabwo. Kwizihiza Yubile y'impurirane muri Kiliziya Gatolika, ni n'umwanya wo kwishimira ibikorwa byose Caritas Rwanda yakoze mu myaka 66 imaze ishinzwe.

Muri iki gihe cyo gushimira Imana, turanashimira Guverinoma y'u Rwanda n'abandi bafatanyabikorwa bose bagize uruhare mu bikorwa Caritas yagezeho mu Rwanda.

Bafatanyabikorwa bacu, turabizeza ubunyangamugayo, kandi tuboneraho kubasaba gukomeza kudushyigikira muri ubwo butumwa bwo kubera Inkuru Nziza abakene, abakandamizwa n'abatagira kirengera abo ari bo bose, kandi tukayibagezaho nk'uko Yezu ubwe yabigenzaga (Lk 4, 18).

Murakoze cyane.

# Komite ishinzwe Ubwanditsi – Caritas Contact 2025

**Umuyobozi w'Ubwanditsi:** Padiri Oscar Kagimbura, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda;

**Umuhuzabikorwa w'Ubwanditsi:** Prosper Sebagenzi, Umuyobozi ushinzwe Porogaramu muri Caritas Rwanda;

**Abanditsi:**

- Pauline Kayitare Mpinganzima, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubutegetsi n'Imari;
- Sr Gaudiose Nyiraneza, Ushinzwe Ubukangurambaga / Ishami ryita ku Batishoboye;
- Dr Jean Bosco Kanani, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima;
- Emmanuel Uwiragiye, Umuyobozi w'Ishami ry'Iterambere;

**Umwanditsi mukuru:** Marie Olive Uwera;

**Abanoza inyandiko:**

- Jeanne d'Arc Manirareba; Ushinzwe ikurikirana n'isuzuma ry'ibikorwa byo mu ishami ry'Ubuzima;
- Cyprien Rukemanganizi, Ushinzwe ikurikirana n'isuzumabikorwa mu ishami ry'amajyambere.

# Caritas Rwanda

Caritas Rwanda yashinzwe mu mwaka w'1959 n'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda. Yemewe ku mugaragaro nk'Umuryango udaharanira inyungu n'iteka rya Minisitiri N° 499/08 ryo mu mwaka w'1960, ihinduka umuryango utari uwa Leta hakurikijwe itegeko N° 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku idini mu Rwanda.

Kuva mu 1965, Caritas Rwanda yinjiye mu muryango waguye wa Caritas Internationalis, uhuza Caritas 162 zo ku isi. Caritas Rwanda ni umuryango ukorera mu gihugu hose, ubinyujije muri Caritas icumi (10) za Diyosezi Gatolika mu Rwanda, Caritas za Paruwasi 236, Caritas za santarali 1.016 n'imiryangoremezo 34.080.

## Icyerecyezo

Guharanira iyubahirizwa ry'agaciro ka muntu kuri buri wese.

## Intego

Gufasha abatishoboye kugera ku iterambere ryuzuye, bikorwanywe Urukundo rw'Imana, rubwirizwa n'Ivanjiri.

## Indangagaciro

- Agaciro ntahangarwa k'ikiremwamuntu;
- Ubufatanye;
- Ubwitange;
- Ubwuzuzanye;
- Urukundo n'impuhwe;
- Icyizere;
- Uburinganire;
- Imicungire iboneye.